| | | |
|---|---|---|
| **AMABWIRIZA YA MINISITIRI Nº 001/MI/25 YO KUWA 16/09/2025 AGENA IMITERERE, IMIKORERE N'UBUBASHA BW'ISHYIRAHAMWE RY'ABAKORA IMIRIMO Y'UBWUBATSI MU RWANDA** | **MINISTERIAL INSTRUCTIONS Nº 001/MI/25 OF 16/09/2025 DETERMINING ORGANIZATION, FUNCTIONING AND REGULATION OF ASSOCIATION OF CONTRACTORS IN RWANDA CONSTRUCTION INDUSTRY** | **PROJET D'INSTRUCTIONS MINISTERIEL Nº 001/MI/25 DU 16/09/2025 DETERMINANT L'ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COMPETENCE DE L'ASSOCIATION DES ENTREPRENEURS DANS L'INDUSTRIE DE CONSTRUCTION** |
| **Minisitiri w'Ibikorwa Remezo;** | **The Minister of Infrastructure;** | **Le Ministre des Infrastructures;** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 121; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 121; | Conformément à la Constitution de la République du Rwanda, notamment à l'article 121 ; |
| Ashingiye ku Mategeko ngenga y'Ishyirahamwe ry'Abubatsi yo kuwa 8/11/1998, yasohotse mu Igazeti ya Leta Umwaka wa 44 No 2; | Pursuant to the Articles of Association of Contractors of 8/11/1998, published in Official Gazette of Year 44 No 2; | Conformément aux statuts des entrepreneurs du 8/11/1998, publiés au Journal Officiel de l'An 44 n° 2; |
| Asubiye ku Itegeko n° 26/2012 ryo ku wa 29/06/2012 rigenga imirimo y'abahanga mu guhanga inyubako n'iy'abahanga mu by'ubwubatsi rikanashyiraho ingaga z'abakora iyo myuga mu Rwanda; | After reviewing the Law N° 26/2012 of 29/06/2012 Governing the Professions of Architecture and Engineering and Establishing the Institute of Architects and the Institute of Engineers in Rwanda; | Après avoir pris connaissance de la loi N° 26/2012 du 29/06/2012 régissant les professions de Architecture et ingénierie et création de l'Institut des architectes et de l'Institut des ingénieurs au Rwanda; |
| Amaze kubona ko uretse Amategeko Ngenga y'iri shyirahamwe nta yandi mambwiriza agenga imikorere y'Ishyirahamwe kandi rihuriza hamwe | Having noticed that apart from the Association's By-Laws, there are no other regulations governing the operation of the Association which bring | Ayant constaté qu'en dehors des statuts de l'Association, il n'existe pas d'autre règlement régissant le fonctionnement de l'Association regroupant les entreprises |

Gd

| | | |
|---|---|---|
| ibigo bikora imirimo yo kubaka inyubako n'ibindi ibikorwa remezo mu Rwanda; | together companies engaged in the construction of buildings and other infrastructure in Rwanda; | engagées dans la construction de bâtiments et autres infrastructures au Rwanda; |
| Ashingiye ku nama zatanzwe na Komisiyo y'Ubukungu n'ubucuruzi y'Inteko Ishinga amategeko y'u Rwanda mu gihe cyo gusuzuma umushinga w'Itegeko rigenga abanyamwuga mu bwubasti ko uru rwego narwo rwagira amabwiriza arugenga ndetse byaba na ngombwa hakazishyirwaho itegeko ririgenga; | Based on the advice given by the Economic and Trade Commission of the Parliament of Rwanda during the review of the draft Law regulating professionals in construction that this sector should also have independent regulations and if necessary, an independent law will be established; | Sur la base de l'avis donné par la Commission économique et commerciale du Parlement du Rwanda lors de l'examen du projet de loi réglementant les professionnels de la construction, ce secteur devrait également avoir une réglementation indépendante et si nécessaire, une loi indépendante sera établie; |
| Amaze kubona ko iryo tegeko ritarajyaho; | Having notice that the proposed law is yet to enacted; | Constatant que la loi proposée n'a pas encore été promulguée; |
| **ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:** | **ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:** | **ÉMET LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:** |
| **UMUTWE WA I: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER I: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE I: DISPOSITIONS GENERALES** |
| **Ingingo ya 1 : Icyo aya mabwiriza agamije** | **Article 1 : Purpose of these instructions** | **Article 1 : Objet des présentes instructions** |
| Aya mabwiriza agena imiterere, imikorere n'ububasha by'ishyirahamwe ry'abakora imirimo y'ubwubatsi bw'inyubako n'ibindi bw'ibikorwa remezo mu Rwanda. | These instructions determine the organization, functioning and competence of the association of contractors in the housing and construction industry. | Ces instructions déterminent l'organisation, le fonctionnement et la compétence de l'association des entrepreneurs du secteur de l'habitat et de la construction. |

Gd

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Ibigo bihuriye mu Inshyirahamwe** | **<u>Article 2</u>: Scope of this order** | **<u>Article 2</u>: Champ d'application** |
| Aya mabwiriza areba ibigo byose by'ubwubatsi bikora imirimo ikurikira:<br><br>a. Ubwubatsi bw'inzu;<br>b. Ubwubatsi bw'ibikorwa by'ingufu;<br>c. Ubwubatsi bw'Imihanda n'ibiraro;<br>d. Ubwubatsi bw'ibikorwa by'Amazi, isuku n'isukura ;<br>e. Ubwubatsi bw'ibikorwa by'Itumanaho;<br>f. ubwubatsi bw'ibikorwa byo Gutunganya Ibishanga;<br>g. Ubwubatsi bw' Ibikorwa by'ubwikorezi;<br>h. ubwubatsi bw'inyubako zitanga n'izihunika ibikomoka kuri petroli;<br>i. Ubwubatsi bw'ibikorwa remezo byo kuhira imyaka;<br>j. Indi mirimo yose ijyanye n'ubwubatsi. | These instructions apply to contractors that provide services in the construction industry in the following domains:<br><br>a. Building Construction;<br>b. Energy facilities construction<br>c. Roads and Bridges Construction;<br>d. Construction of Water and Sanitation facilities;<br>e. Construction of communication facilities;<br>f. construction of Wetland Treatment plants;<br>g. Construction of Transportation facilities;<br>h. construction of oil refinery and storage facilities;<br>i. Construction of irrigation infrastructure;<br>j. and all others civil works. | Ces instructions s'appliquent aux entrepreneurs qui fournissent des services dans le secteur de la construction dans les domaines suivants:<br><br>a. Construction de bâtiments ;<br>b. Construction d'installations énergétiques ;<br>c. Construction de routes et de ponts ;<br>d. Construction d'installations d'eau et d'assainissement ;<br>e. Construction d'installations de télécommunication ;<br>f. Construction d'usines de traitement des zones humides ;<br>g. Construction d'installations de transport ;<br>h. Construction de raffineries de pétrole et d'installations de stockage ;<br>i. Construction d'infrastructures d'irrigation et de Barrages ;<br>j. et tous autres travaux de génie civil. |
| **<u>Ingingo ya 3</u> : Isobanura**<br>**1° Ikigo gikora imirimo y'ubwubatsi** : bivuga ikigo gifite ubuzimagatozi gikora imirimo y'ubwubatsi kandi kikaba | **<u>Article 3</u>: Definition**<br>**1° Contractors:** Entity who in furtherance of business, carries out or manages construction work and registered in | **<u>Article 3</u> : Définition**<br>**1° Entrepreneur** : Entité qui, dans l'exercice de ses activités, exécute ou dirige des travaux de construction et |

| | | |
|---|---|---|
| cyanditse mw'ishyirahamwe ry'ibigo bikora imirimo y'ubwubatsi bw'ibikorwa remezo mu Rwanda. | Association of Buildings and Public works Contractors in Rwanda. | inscrite à l'Association des entrepreneurs de bâtiments et des travaux publics au Rwanda. |
| **2° Ishyirahamwe ry'abubatsi** | **2° Association of Contractors**: | **2° Association des Entrepreneurs:** |
| Ni ishyirahamwe ry'ibigo bikora imirimo y'ubwubatsi bw'inzu n'ibindi bikorwaremezo mu Rwanda **A.E.B.T.P** (Association des Entrepreneurs de batiments et travaux publique) byavuzwe mu ngingo ya kabiri (2) y'aya Mabwiriza. | Representative body for companies of contractors in construction industry in Rwanda **A.E.B.T.P** (Association des Entrepreneurs de batiments et travaux publique) mentioned in article three (3) of these Instructions. | ordre représentant des compagnies d'entrepreneurs dans l'industrie de construction au Rwanda **A.E.B.T.P** (Association des Entrepreneurs de batiments et travaux publique). |
| **3° Ministiri:** Bivuga Ministiri ufite ibikorwa Remezo mu Nshingano. | 3° "Minister" means the Minister in charge of infrastructure; | **3° « Ministère »** signifie le Ministère ayant des infrastructures dans ses attributions; |
| **<u>UMUTWE WA II</u>: IMITERERE Y'ISHYIRAHAMWE RY'ABUBATSI** | **<u>CHAPTER II</u>: ORGANIZATION OF THE ASSOCIATION OF CONTRACTORS** | **<u>CHAPTER II</u>: ORGANISATION DE L'ASSOCIATION DES ENTREPRENEURS** |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Inzego** | **<u>Article 4</u>: Organs** | **<u>Article 4</u> : Organes** |
| Ishyirahamwe ry'abubatsi rigizwe n'inzego zikurikira:<br>a. Inteko rusange;<br>b. Komite Nyobozi;<br>c. Komite Ngenzuzi<br>d. Komite nkemurampaka<br>e. Ubunyamabanga Nshingwabikorwa. | The association of contractor's shall have the following organs:<br>a. General assembly;<br>b. Executive committee;<br>c. Audit committee;<br>d. Conflict Resolution Committee;<br>e. Executive secretariat. | L'association des entrepreneurs doit avoir les organes suivants :<br>a. Assemblée générale;<br>b. Comité exécutif ;<br>c. Comité d'audit;<br>d. Comité de résolution des conflits;<br>e. Secrétariat exécutif.<br><br>**<u>Article 5</u> : Fonctionnement des organes** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 5: Imikorere y'inzego z'ishyirahamwe ry'abubatsi** | **Article 5: Functioning of the organs in the association of contractors in construction industry** | **de l'association des entrepreneurs du bâtiment** |
| Imikorere y'inzego z'ishyirahamwe ry'abubatsi igengwa n'amategeko ngengamikorere yaryo amaze gusuzumwa no kwemezwa na Minisitiri ufite ubwubatsi bw'Ibikorwa Remezo mu nshingano. | The functioning of the organs of the association of contractors shall be determined by internal rules and regulations of the association after their review and approval by the Minister in charge of construction and infrastructure. | Le fonctionnement des organes de l'association des entrepreneurs est déterminé par le règlement intérieur de l'association après examen et approbation par le ministre chargé de la construction et des infrastructures. |
| **UMUTWE WA III: IMIKORERE Y'INZEGO Z'ISHYIRAHAMWE RY'ABUBATSI** | **CHAPTER III: FUNCTIONING OF THE ASSOCIATION OF CONSTRUCTORS** | **CHAPITRE III : FONCTIONNEMENT DE L'ASSOCIATION** |
| **Ingingo ya 6: Inshingano z'ishyirahamwe ry'abubatsi** | **Article 6: Responsibilities of the Association of Contractors** | **Article 6 : Mandat de l'Association des Entrepreneurs** |
| Inshingano z'ishyirahamwe ry'abubatsi ni : | The mandate of the Association of Contractors is to: | Le mandat de l'Association des Entrepreneurs dans l'industrie de construction est : |
| a. guhuza abanyamuryango;<br>b. kwandika abanyamuryango;<br>c. Gukurikirana ko imirimo yose y'ubwubatsi ikorwa kinyamwuga rifatanyije n'izindi nzego bireba.<br>d. Guharanira inyungu z'abanyamuryango;<br>e. Guharanira ko abanyamuryango bagira ubushobozi bwo gupiganira amasoko haba mu gihugu imbere ndetse no hanze yacyo binyunze | a. Organize its members;<br>b. Register members;<br>c. Ensure quality execution of construction projects of members in collaboration with other relevant organs;<br>d. Represent the interest of members;<br>e. Ensure regional and international competitiveness of local members through Capacity Building and Cooperation; | a. Organiser ses membres ;<br>b. Inscrire les membres;<br>c. Assurer la qualité dans l'exécution des projets de construction de ses membres ;<br>d. Représenter les intérêts des membres ;<br>e. Assurer la compétitivité régionale et internationale des membres locaux à travers le |

| | | |
|---|---|---|
| mu kubongerera ubushobozi | | renforcement des capacités et coopération |
| f. Kugira uruhare mu gushakira abimenyereza umwuga aho bakorera imenyerezamwuga; | f. Participate in placement of interns for internships; | f. Participer au placement des stagiaires pour les stages ; |
| g. Kugira uruhare mw'iterambere ry'igihugu | g. Contribute to the economic growth of the country; | g. Contribuer à la croissance économique du pays |
| h. Kuba umuhuza hagati y'abatanga akazi, abanyamuryango na Leta. | h. Serve as a bridge between the government, clients and its members; | h. Servir de pont entre le gouvernement/clients et les membres ; |
| i. Gushyikirana no gukorana n'andi mashyirahamwe bihuje inshingano ku rwego rw'akarere u Rwanda ruherereyemo cyangwa Mpuzamahanga | i. Establish relationship and cooperation with other local, regional and international associations with similar responsibilities; | i. Etablir des relations et coopérations avec d'autres associations locales, régionales et internationales ayant des responsabilités similaires |
| j. Kugira uruhare mw'ishyirwa mu bikorwa za hagunda na politike bya leta ku bijyanye n'imyubakire muri rusange; | j. Contribute to the national policies and programs in the construction industry; | j. Contribuer aux politiques et programmes nationaux de l'industrie de construction |
| k. Guharanira ko nta kigo cy'ubwubatsi gikora imirimo y'ubwubatsi kitari umunyamuryango w'ishyirahamwe. | k. To ensure that no contractor shall carry out construction activities without being a member of Association; | k. S'assurer qu'aucune entrepreneur ne conduit des activités de construction sans être membres de l'Association |
| l. Gukemura ibibazo byose bijyanye no kongerera ubumenyi ibigo by'ubwubatsi hibandwa ku bigo bito n'ibiciriritse. | l. Ensure responsiveness in line with skills and capacity gaps forecasted in the sector with much emphasis on SMEs | l. Assurer une réactivité correspondant aux lacunes en matière de compétences et capacités prévu dans secteur en mettant l'accent sur les PMEs. |

G7

| **Article ya 7: Inshingano z'ishyirahamwe ry'abubatsi ku banyamuryango baryo** | **Article 7: Responsibilities of the Association of Contractors towards its members** | **Article 7 : Responsabilités de l'association des entrepreneurs envers les membres** |
|---|---|---|
| Ishyirahamwe ry'abubatsi rifite inshinagno zo:<br>a. Gukora urutonde rw'ibigo byemerewe gukora imirimo y'ubwubatsi buri mwaka no kubishyikiriza inzego zose bireba.<br>b. Gufatanya n'abanyamuryango kubahiriza ikorwa ry'imirimo hakurikijwe ubuziranenge hagamijwe kugabanya impanuka no kongera umutekano ahakorerwa ubwubatsi;<br>c. Gufasha abanyamuryango kubona amasoko haba mu gihugu imbere ndestse no hanze yacyo;<br>d. Gufatanya n'izindi nzego mu gushyira mu byiciro ibigo by'ubwubatsi hashingiwe ku bushobozi;<br>e. Gukemura amakimbirane hagati y'abanyamuryango ku rwego rwa mbere. | The Association of Contractors shall:<br>a. Make a list of the contractors every year and submit it to all relevant authorities;<br>b. Partner with the members to ensure minimum standards and requirements to reduce injuries, environmental degradation, increase safety and efficiency on site;<br>c. To facilitate members, access a network of businesses within or outside the association locally, regionally or internationally;<br>d. Participate in the classification of contractors based on the competency;<br>**e.** Resolve conflict on the first level between members whenever they emerge. | L'association des entrepreneurs doit:<br>a. Faire une liste des entrepreneurs chaque année et la soumettre à toutes les autorités compétentes ;<br>b. Assurer conjointement avec les membres que les normes et les conditions minimales de réduction d'accidents, et d'augmentions de sécurité et d'efficacité sont respectées au chantier ;<br>c. Accéder un réseau d'affaire au sein ou à l'extérieur de l'association localement/ régionalement et internationalement.<br>d. Participer à la classification des entrepreneurs en fonction de la compétence ;<br>e. Résoudre les disputes émergeant de première instance entre membres |

GA

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8 : inshingano z'ishyirahamwe ku bagenerwa bikorwa** | **Article 8: Responsibilities of the Association of Contractors towards the public** | **Article 8 : Responsabilités de l'association des entrepreneurs envers le public** |
| Ishyirahamwe ry'ubwubatsi rifite inshingano ku bagenerwa bikorwa zo : | The Association of contractors is responsible to: | L'association des entrepreneurs est responsable de: |
| a. Kugenzura imyitwarire iranga abanyamuryango ;<br>b. Kugenzura ko imirimo yakozwe n'abanyamuryango yujuje ubuziranenge kandi itabangamira umutekano rusange. | a. Monitor the conduct of all members;<br>b. Ensure safeguards of the public interest and quality of services provided by any member; | a. Faire le suivie des conduites légitimes des membres<br>b. Assurer la protection de l'intérêt public et la qualité des services offerts par tous les membres ; |
| c. Kugenzura ko ibyatanzwe mu mpushya zo kubaka byubahirizwa ; | c. Inspect the compliance with issued construction permit. | c. Vérifier la conformité avec le permis de construction délivré. |
| d. Gukemura amakimbirane ku rwego rwa mbere hagati y'abagenerwabikorwa n'abanyamuryango b'ibishyirahamwe. | d. Resolve disputes at the first level between beneficiaries and members of associations. | d. Publier la liste des entrepreneurs qui sont admissibles à effectuer des travaux de construction chaque année |
| **UMUTWE WA IV: ABANYAMURYANGO** | **CHAPTER IV: MEMBERSHIP** | **CHAPITRE IV: ADHÉSION** |
| **Ingingo ya 9: ibisabwa kuba umunyamuryango** | **Article 9: Membership requirement** | **Article 9 : Condition d'adhésion** |
| Ikigo cy'ubwubatsi cyemewe mu Rwanda cyemerewe kuba Umunyamuryango. | Any registered construction company is eligible to apply for membership. | Toute compagnie de construction enregistrée est éligible de soumettre sa demande d'adhésion. |
| Ibindi bisabwa kuba umunyamuryango bigenwa n'amategeko ngengamikorere | Other membership requirements are determined by the internal rules and | Les conditions d'adhésion doivent être |

| | | |
|---|---|---|
| y'Ishyirahamwe. | regulations of the Association | déterminées par les règlements intérieurs de l'association. |
| **Ingingo ya 10 : Inshingano zo kwiyandikisha**<br>Ikigo cyose gikora Imirimo y'ubwubatsi kigomba kuba cyanditse mu Ishyirahamwe ry'abubatsi. | **Article 10: Requirement of registration**<br>Any contractor renders services in construction industry must be registered in the Association of contractors. | **Article 10 : Obligation d'enregistrement**<br>Aucune compagnie ne doit offrir des services d'entrepreneurs dans l'industrie de construction sans être enregistré dans l'association des entrepreneurs. |
| **Ingingo ya 11 : Kwandikisha ikigo cyubaka cy'ikinyamahanga**<br>Ikigo cyubaka cy'ikinyamahanga cyemerewe gukora imirimo y'ubwubatsi mu Rwanda bwa mbere kigitangira, naho gukora imirimo y'ubwubatsi ikurikiyeho mirimo ikurikiyeho kigomba kwiyandikisha mw'ishyirahamwe. | **Article 11: Registration of foreign contactors**<br>A foreign contactor is allowed to execute construction works only at the first time, but for further execution works, it has to register with the association of contractors in Rwanda. | **Article 11 : Enregistrement des entrepreneurs etrangers**<br>Un entrepreneur étranger est autorisé à exécuter des travaux de construction seulement la première fois, mais pour les travaux d'exécution ultérieurs, il doit s'inscrire auprès de l'association des entrepreneurs au Rwanda. |
| **Ingingo ya 12: Amasezerano mpuzamahanga**<br>Ishyirahamwe ry'abubatsi rigomba gufashwa na Leta kwinjira ku soko mpuzamahanga binyuze mu gushyiraho imikoranire ishingiye ku masezerano y'ibindi bigo byo mu karere no hanze yako. | **Article 12: Regional and International agreement**<br>The Association of Contractors should be assisted by the Government to enter the international market through the establishment of cooperation based on agreements with other institutions in the region and outside it. | **Article 12 : Accord régional et international**<br>L'Association des entrepreneurs devrait être assistée par le gouvernement pour entrer sur le marché international à travers l'établissement d'une coopération basée sur des accords avec d'autres institutions de la région et en dehors de celle-ci. |
| **Ingingo ya 13 : Ubunyamwuga**<br>Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano zayo igenzura imikorere | **Article 13: Professionalism**<br>The Ministry in charge of Construction Industry monitors the professionalism of | **Article 13 : Professionnalisme**<br>Le Ministère chargé de l'industrie de construction doit faire le suivie du |

| | | |
|---|---|---|
| n'ubunyamwuga by'ishyirahamwe ry'abubatsi. | the Association of Contractors. | professionnalisme de l'association des entrepreneurs. |
| Mu rwego rwo kugenzura imikorere y'Ishyirahamwe ry'abubatsi, Ishyirahamwe ry'abubatsi rishyikiriza Minisitiri raporo y'ibikorwa buri mezi atatu. | In order to control the performance of the Contractors' Association, the Contractors' Association submits a quarterly report to the Minister showing its performance. | Afin de contrôler les performances de l'Association des entrepreneurs, l'Association des entrepreneurs soumet au ministre un rapport trimestriel faisant état de ses performances. |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Kumeyekanisha Imishinga** | **<u>Article 14</u>: Presentation of Projects** | **<u>Article 14 :</u> Présentation des Projets** |
| Buri munyamuryango w'Ishyirahamwe amenyekanisha umushinga w'ubwubatsi akora buri mwaka kugirango ishyirahamwe ribashe gukurikirana ubunyamwuga buwukorwaho. | Each member of the Association declares the construction projects they do every year so that the association can monitor the professionalism of its activities. | Chaque membre de l'Association déclare les projets de construction qu'il réalise chaque année afin que l'association puisse contrôler le professionnalisme de ses activités. |
| Amategeko ngengamikorere y'Ishyirahamwe agena ibigomba kumenyekanishwa n'iburyo bimenyekanishwamo. | The By-laws of the Association determine what must be disclosed and the right to disclose. | Les statuts de l'Association déterminent ce qui doit être divulgué et le droit de divulguer. |
| Raporo ya buri mushinga ihabwa Minisitiri buri gihembwe. | A report of each project is given to the Minister every quarter. | Un rapport de chaque projet est remis au Ministre chaque trimestre. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Intumwa ya Ministiri** | **<u>Article 15</u>: Delegation of the Minister** | **<u>Article 15 :</u> Délégation du Ministre** |
| Mu rwego rwo guhuza ibikorwa by'Ishyirahamwe na Ministeri, Minisitiri ashyiraho umuntu umuhagarariye muri Komite Nyobozi y'Ishyirahamwe ukora nk'umujyanama ariko nta bubasha afite mu byemezo bifatwa. Izindi nshingano ze zigenwa nuwamushyizeho ni nawe | In order to coordinate the activities of the Association and the Ministry, the Minister appoints a representative in the Executive Committee of the Association who acts as an advisor but does not have the power to vote in the decisions made. His/her other duties are determined by the person who | Afin de coordonner les activités de l'Association et du Ministère, le Ministre nomme un représentant au Comité exécutif de l'Association qui agit à titre de conseiller mais n'a pas le pouvoir de voter dans les décisions prises. Ses autres fonctions sont déterminées par la personne |

| | | |
|---|---|---|
| umukuraho igihe cyose abonye ari ngombwa. | appointed him/her and he/she can remove him/her whenever he deems it necessary. | qui l'a nommé et celui-ci peut le révoquer chaque fois qu'il le juge nécessaire. |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Gutakaza Ubunyamuryango**<br><br>Ikigo cy'ubwubatsi kiguye mu gihombo byemejwe n'inzego bireba cyangwa cyahagaritswe hakurikijwe amategeko abigenga gitakaza kuba umunyamuryango.<br><br>Amategeko ngengamikorere y'ishyirahamwe agena uburyo umunyamuryango atakaza ubunyamuryango.<br><br>**<u>UMUTWE WA V</u>: UMUTUNGO W'URUGAGA**<br><br>**<u>Ingingo ya 17</u>: Inkomoko y'umutungo**<br><br>Umutungo w'ishyirahamwe ukomoka kuri ibi bikurikira:<br>(a) imisanzu y'abarugize;<br>(b) umutungo wimukanwa n'utimukanwa w'ishyirahamwe;<br>(c) amafaranga ya serivisi n'imirimo Ishyirahamwe rikora;<br>(d) inyungu ikomoka ku mutungo warwo; | **<u>Article 16</u>: Loss of Membership**<br><br>A construction company that falls into bankruptcy and is approved by the relevant authorities or is suspended in accordance with the relevant laws loses its membership.<br><br>Internal rules and regulations of the Association determine the process of the loss of membership.<br><br>**CHAPTER V: PROPERTY OF THE INSTITUTION**<br><br>**<u>Article 17</u>: Sources of property**<br><br>The property of the Association derives from the following:<br>(a) contributions of members;<br>(b) movable and immovable property of the Association;<br>(c) proceeds from the services and activities performed by the Association;<br>(d) revenues from its property; | **<u>Article 16</u> : Perte de la qualité de membre**<br><br>Une entreprise de construction qui fait faillite et est agréée par les autorités compétentes ou suspendue conformément aux lois en vigueur perd son adhésion.<br><br>Les règlements intérieurs de l'association déterminent le processus de la perte de la qualité de membre.<br><br>**<u>CHAPITRE V</u> : PROPRIÉTÉ DE L'INSTITUTION**<br><br>**<u>Article 17 :</u> Sources du patrimoine**<br><br>Le patrimoine de l'institution provient de sources suivantes :<br>(a) les contributions des membres;<br>(b) les propriétés mobilières et immobilières de l'association;<br>(c) les recettes provenant de services et d'activités exercés par l'association ;<br>(d) les recettes provenant de la propriété de l'institution; |

| | | |
|---|---|---|
| (e) impano n'indagano.<br><br>(f) Ubufasha aho bwaturuka hose bukurikije amategeko. | (e) donation and bequests;<br><br>(f) Any credible source of support. | (e) les dons et legs.<br><br>(f) Toute source de soutien credible. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ikoreshwa n'igenzurwa by'umutungo w'Ishyirahamwe** | **<u>Article 18</u>: Use and audit of the property of the Association** | **<u>Article 18</u> : Utilisation et contrôle des biens de l'Association** |
| Amategeko ngengamikorere y'Ishyirahamwe ateganya uburyo umutungo w'Ishyirahamwe ukoreshwa n'uko ugenzurwa. | The Internal rules and regulations of the Association regulates the use and audit of the property of the Association. | Le Règlement Intérieur de l'Association régit l'utilisation et le contrôle des biens de l'Association. |
| **<u>UMUTWE WA VI</u>: INGINGO ZISOZA** | **<u>CHAPTER VI</u>: FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE VI</u>: DISPOSITIONS FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza** | **<u>Article 19</u>: Repealing provision** | **<u>Article 19</u> : Disposition abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi anyuranyije nayo avanyweho. | All prior provisions contrary to these instructions are hereby repealed. | Toutes les dispositions légales antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa** | **<u>Article 20</u> : Commencement** | **<u>Article 20</u>: Entrée en vigueur** |
| Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono. | These instructions shall come into force on the date of their signature. | Ces instructions entreront en vigueur à la date de leur signature. |

Kigali ku wa 16/09/2025

**Dr. Jimmy GASORE**
Minisitiri w'Ibikorwa Remezo
Minister of Infrastructure
Ministre des Infrastructures